INSHINGANO

Umukozi w' umwizerwa ni nk' amazi y'urubogobogo mw' icyi.

IHAME RY' ICYUMWERU

Ubushobozi bwo kwibaza n' ubwisanzure bwo guhitamo nibyo bitera abantu kugira inshingano zibyo bakora. Umuntu ufite inshingano ashobora kwizwerwa; wabishingiraho. Ntibyoroshye kubona umuntu umeze nkuyu ariko mu gihe tumubonye, tuzabona ko umwete wabo utandukanye n' uwa bandi.Ibintu bibiri bizamura umwete ku abantu bafite inshingano n' inshingano ubwayo ndetse nibyo yakugejejeho.

Bisaba abantu bafite ubushake kugira ngo bagire uwo mwete wo gufata inshingano nta zindi nyungu zibyitambitse cyangwa se igihombo. Bahagarara kubyo biyemeje batitaye kubyo abandi bavuga cg ngo bakora, kabone nubwo byasenya ubucuti bwabo. Bagengwa ni ndangagaciro ndetse n' amahame aremereye, bagira umusingi ukomeye bagenderaho, kandi ntacyo bibabwiye mu gihe abantu bababona cg se byasenya umwanya bafite ku kazi cg izina bubatse. Ni abantu b' agaciro kandi bashobora guhabwa umwanya wose ku murimo wacu cg mu rubuga rwa politiki. Ni abagabo n' abagore bashize amanga bagendera ku myemerere yabo.

Ikibagenga cya kabiri ni ukumva ko hari cyo bazageraho. Akenshi urebye ku byumwihariko nta gihembo kigaragara gihari usibye kumva banyuzwe kubera ko bageze ku bisubizo bifuzaga. Urugero twabaha ni nk' umugabo w' umuherwe/ umukungu ajyana amafaranga mu gukina golufe buri munsi cg atembera ibihugu ubuzima bwe bwose. Ahubwo yakabaye akora umurimo we buri munsi, ari nako ashakisha amahirwe mashya. Abantu bamwe bashobora kuvuga ko ateye atya kuko ari igisambo. Wenda ni byo, nyamara kandi ashobora gusa kuba yikundira gukora umurimo umuha inshingano kandi agakunda kugera ku ntego nshya. Uyu muntu ashobora gukora ibyo abandi bantu bibwira ko bidakoreka, gusa we akabyishoraho.

Kugira inshingano birenze kugira umuhigo. Ni ndangagaciro ishamikiye ku myemerere, n' umuhamagaro uzamuka muri nyirawo. Ni icyifuzo cg se imbaraga ibarimo ihora ibibutsa ko hari cyo bagomba kwigezaho. Bakora ibintu kugira ngo babone amaherezo yabyo cg kwishimisha uko umurimo ugenda ukorwa.

Kamere y' abantu bakunda inshingano ni uko usanga bareba kure, bakora ibishoboka byose kugira ngo banoze ibyo bakora byose kandi nabo kwizerwa. Ni urugero rwiza kandi bahindura byinshi, badatanga impamvu zidafututse cg se bisobanuraho ngo batabashyiraho inshingano.

INYUNGU

1. Abandi bantu badufata nk' abantu bafite agaciro.
2. Turanyurwa iyo dukora ibintu kubera ko tuba twabyiyemeje ndetse n' abandi baduha icyizere.
3. Dukora neza ibyo dufite kandi bikagaragara.
4. Icyizere kigenda kiyubaka bityo bose bakabimeya ndetse bakatwiyambaza. Ibigo bikomeye byubatswe ni abantu bakunda inshingano zabo. Bareba cyane icyo baricyo hamwe ni umugambi biyemeje. Imbaraga zabo zifatwa nk' ubufasha bwa kubaka umuryango ukomeye.

Inzira ni mikorere y'
ISHINGANO

INTAMBWE ZIKURIKIZWA

1. Yobora ubuzima bwawe. Kandi uzirikane uko uzamura kamere.
2. Ubaka izina ryawe. Kandi ube umuntu ukunda inshingano kandi wizerwa.
3. Shakisha ibisubizo by' ibibazo.
4. Zirikana imyifatire yawe kandi witware neza. Fata umwanya wo kwita ku buzima bwawe, amarangamutima, igihe ndetse n' amafaranga.
5. Ujye ushyira mu gaciro. Witwara bikwiye, utayoborwa n' umujinya cg ubwoba.
6. Zirikana inshingano yawe. Tanga umusanzu mu kigo ukoramo kabone nubwo byatokora ubucuti bwawe.
7. Ujye witondera. Ibyo uvuga nibyo ukora kuko bigira impinduka ku murimo. Fatirana akanya kose maze ushyigikire ukuri.
8. Ujye wibanda cyane ku ndangagaciro ndetse n' amahame.

Inshingano inshingiye ku buryo wishingira abandi ukoresheje imyitwarire yawe. Ni ugukora ibirenze ibisabwa, ni ugukora icyiza maze ukirinda ikibi. Muri make nukuyoborwa n' umutimanama, umwizerwa, ukorera abandi maze inyiturano ikaba kwiyubakira izina ryiza, bityo ugasiga umurage mwiza. Inshingano ni inkigi ikomeye kuri kamere; ubumenyi cyangwa ubukire ntabwo bikenewe kugira ngo byubake iri reme. Niba dushaka gutera imbere tugomba kwitoza gukora inshingano zacu.

IBAZE KANDI USUBIZE

1. Ese waba wibona nk' umuntu ukora inshingano yahawe bikwiye?
2. Kubera iki cyangwa se ubuzwa niki?
3. Ese wakora iki kugira ngo urusheho kuba umuntu ukora inshingano ze uyu munsi?
4. Ese intego / imihigo yawe ya buri munsi na buri cyumweru ihuye ni umugambi wawe?

Ibuka....Intekerezo zibyara ibikorwa, Ibikorwa bibyara ingeso, Ingeso zirema kamere, yacu Nuko kamere igena ejo hacu hazaza!

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota?										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame??										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi	M	T	W	T	F	S	S			